Repubulika y'u Rwanda

# ITANGAZO

## IBY'IBANZE BYAVUYE MU MATORA RUSANGE Y'ABADEPITE

17 Nyakanga 2024

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yatangaje iby'ibanze byavuye mu matora y'Abadepite 53 batowe ku buryo butaziguye baturuka mu mitwe ya politiki n'abigenga yabaye ku wa 14 Nyakanga 2024 ku Banyarwanda baba mu mahanga, no ku wa 15 Nyakanga 2024 ku Banyarwanda bari imbere mu Gihugu.

Muri rusange ibikorwa by'amatora byagenze neza, haba ku Banyarwanda baba mu mahanga ndetse n'imbere mu Gihugu.

Ku banyarwanda bagombaga gutora bagera kuri 9.071.157, amajwi amaze kubarurwa mu matora rusange y'Abadepite angana na 8.761.453, bingana na **96,60% .**

Dore uko iby'ibanze byavuye mu matora rusange y'Abadepite bihagaze:

| Umutwe wa Politiki / Umukandida wigenga | Amajwi | Ijanisha |
|---|---|---|
| FPR-Inkotanyi<br>PDC / PPC / PSR / PSP / UDPR | 5.471.104 | 62,67% |
| PL | 957.602 | 10,97% |
| PSD | 827.182 | 9,48% |
| DGPR - GREEN PARTY | 462.290 | 5,30% |
| PDI | 507.474 | 5,81% |
| PS IMBERAKURI | 459.526 | 5,26% |
| NSENGIYUMVA JANVIER | 44.881 | 0,51% |

Ibarura ry'amajwi mu matora ya Perezida wa Repubulika n'Abadepite rirakomeje. Komisiyo y'Igihugu y'Amatora izakomeza gutangaza ibyavuye mu matora mu buryo bukurikira:

- **Bitarenze taliki ya 20 Nyakanga:** Gutangaza by'agateganyo ibyavuye mu matora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite.
- **Bitarenze taliki ya 27 Nyakanga:** Gutangaza amajwi ya burundu yo mu matora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite.